# Inkingo zihabwa impinja

**Imfashamyumvire igenewe ababyeyi**

Izi ni inkingo umwana wawe akeneye!

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Akivuka[1,2]** | **HepB** | **RSV-mAb[1]**<br>Amezi 0–7 | | | | | | |
| **Amezi 2[1,2]** | **HepB**<br>Amezi 1–2[2] | + **DTaP** | + **PCV** | + **Hib** | + **Imbasa** | + **RV** | | |
| **Amezi 4[1,2]** | **HepB[3]** | + **DTaP** | + **PCV** | + **Hib** | + **Imbasa** | + **RV** | | |
| **Amezi 6[1,2]** | **HepB**<br>Amezi 6–18[2] | + **DTaP** | + **PCV** | + **Hib[4]** | + **Imbasa**<br>Amezi 6–18[2] | + **RV[5]** | + **Ibicurane[6]** | + **COVID[7]** |
| **Amezi 12 no hejuru[1,2]** | **MMR**<br>Amezi 12–15[2] | + **DTaP**<br>Amezi 15–18[2] | + **PCV**<br>Amezi 12–15[2] | + **Hib**<br>Amezi 6–18[2] | + **Ubushita**<br>Amezi 12–15[2] | + **HepA[8]**<br>Amezi 12–23[2] | + **Ibicurane[6]** | |

Vugana na muganga wawe cyangwa umuforomo kugira ngo wizere neza ko umwana wawe yahawe inkingo zose ziri kuri gahunda y'ikingira. Akenshi, inkingo zirahuzwa kugira ngo hagabanywe umubare w'inshinge. Zirikana gusaba ifishi y'ikingira igiye iriho amatariki umwana wawe yahereweho inkingo; kandi ujya uhora uyitwaza buri uko ugiye kubonana na muganga.

Uru ni urutonde rw'indwara umwana wawe azarindwa:

**HepB:** Epatite B, indwara ikomeye ifata umwijima

**DTaP:** akaniga, tetanosi, na pertussis (inkorora y'igikatu)

**PCV:** urukingo rw'umusonga rurinda ubwandu bukaze bw'amaraso, ibihaha n'ubwonko

**Hib:** urukingo rw'Ibicurane bya *Haemophilus* ubwoko bwa b, ubwandu bukabije bw'ubwonko, umuhogo, n'amaraso

**Imbasa:** imbasa ni indwara ikomeye itera kugagara k'umubiri

**RSV:** agakoko gafata inzira z'ubuhumekere, n'ubwandu bukabije bufata ibihaha

**RV:** ubwandu bw'impiswi, indwara ikomeye itera impiswi

**Ibicurane:** ubwandu bukabije bw'igihaha

**MMR:** iseru, amashamba, rubella (amahumane)

**COVID-19:** indwara ikomeye ikakaye

**HepA:** Epatite A, indwara y'umwijima ikomeye

**Ubushita:** bakunze kwita varicella

**Icyitonderwa ku mbonerahamwe iri haruguru:**

1. Guhera mu kwezi k'Ukwakira kugeza muri Werurwe, impinja zifite kugeza ku mezi 7 zishobora gukenera urukingo rw'ubwirinzi bw'umubiri rwa RSV (RSV-mAb) mu gihe urukingo rwa RSV rwaba rutaratanzwe mu gihe cyo kuvuka. Impinja zimaze kwegera hejuru zifite hagati y'amezi 8 na 19 zishobora gukenera urukingo rwa RSV-mAb mu gihembwe cya kabiri cya RSV.
2. Iki ni cyo gihe cy'amavuko uru rukingo rukwiye gutangwamo.
3. Umwana wawe ashobora kudakenera doze y'urukingo rwa HepB ku mezi 4, hashingiwe ku rukingo rwakoreshejwe. Baza muganga wawe cyangwa umuforomo.
4. Umwana wawe ashobora kudakenera doze y'urukingo rwa Hib ku mezi 6, hashingiwe ku rukingo rwakoreshejwe. Baza muganga wawe cyangwa umuforomo.
5. Umwana wawe ashobora kudakenera doze y'urukingo rwa RV ku mezi 6, hashingiwe ku rukingo rwakoreshejwe. Baza muganga wawe cyangwa umuforomo.
6. Abana bose bafite kuva ku mezi 6 bakwiye gukingirwa ibicurane mu muhindo no mu mpeshyi buri mwaka.
7. Umwana wawe azakenera doze 2 cyangwa 3, hashingiwe ku bwoko bw'urukingo rwa COVID-19 rwatanzwe.
8. Umwana wawe azakenera doze 2 z'urukingo rwa HepA, rutangwa nibura nyuma y'amezi 6.

Kinyarwanda translation provided by Fargo Cass Public Health

Immunize.org

**FOR PROFESSIONALS** www.immunize.org / **FOR THE PUBLIC** www.vaccineinformation.org

www.immunize.org/catg.d/p4010-kin.pdf
"Immunizations for Babies"
Item #P4010-kin Kinyarwanda (12/8/2023)

Scan for PDF